# 61: Kubw' urukundo rwinshi

1.
Kubw' urukundo rwinshi rwa tumy' aza kunshaka, Anshyira ku bitugu anjyana mu rugo rwe.Haririmbw' indirimbo nziza Ziririmbwa na marayika.

Ref:
Yaj' aje kunshaka kugira ngw ankize. Yamvanye mu musayo w'urupfu. Yanshyize mu rugo rwe rw'intama.

2.
Yesu, Mwungeri mwiza, Yanzu ye mu mutima. Aherakw ambwir' ati, Mwana Wanjye nakunze.Uko ni kw iryo jwi rye ryiza Ryahojej' umutima wanjye.

3.
Nta bwo nakwibagirwa ko ya vuy' amaraso. Ubwo bamwambikaga na rya kamba ry'amahwa, Kandi ku musaraba ni ho Nshimir' Umwami Yesu Kristo.

4.
Ubu nsigaye ngendera mu mucyo w'ukuri. Mfit’ amasezerano mur' iyo nzira ncamo, Nzahora nshim' Umwami Yesu Iteka ryose nezerewe.

5.
Ibihe birihuta ndindiriy'igitondo, Ubw' uzampamagara unyinjiza mw ijuru. Nzahagarar' imbere yawe Nezerewe kandi ndirimba.

Visit us at indirimbo.com